



Ugushyingo 2023

ikinyarwanda

# Sangiza abandi ibikuremereye!

**Kontakt:** Meinolf Wacker  
Kirchplatz 7  
59174 Kamen

**Mobil.:** +49-172-5638432  
**Mail:** [meinolf.wacker@go4peace.eu](mailto:meinolf.wacker@go4peace.eu)  
**Homepage** [www.go4peace.eu](http://www.go4peace.eu)

---

**Nimungane mwese, abarushye  
n'abaremerewe, jye nzabaruhura.**

(Mt 11,28)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

iyoye umunsi umwe ubuzima bwaremereye, ntawifuzaga kuba wenyine. Tugerageza gushakira abantu twizewe, bashobora gusangira natwe no kwihanganira ibitumereye, bashobora gutuma dusubirana imbaraga. Uzi ukuntu bifasha nko gutemberana n'umuntu ku kagoroba ushobora gusangira ibikuremereye cyangwa kwakira telefoni ye ya nijoro mukabiganiraho. Gushobora gusa kubitekerereza undi bisobanuye kenshi kwigobotora icya kabiri cy'ubumere bw'ibyari bigutsikamiye. icyo gihe mugenzi wawe agutwaza ububabare, ubwoba cyangwa ibikomere wari uhutse wenyine, mbese nk'uko Simoni w' i Sirene yafashe umusaraba wa Yezu akwushyira ku bitugu bye akawumutwaza. Byanze bikunze Yezu yakiranye ishimwe ubu bufasha yari ahawe, dore ko imbaraga ze zari zigeze ku buce. Na we yumvise icyo bisobanuye, kuba utari wenyine mu bihe bikomeye. Ibisa nk'ibyo na we arabidusezeranya. Adutumira agira ati: „Nimungane mwese, abarushye n'abaremerewe, jye nzabaruhura!“

„Ku wa gatanu mfite ikizamini ngomba gusubiramo hanyuma nyuma y'iminsi itanu kandi mfite ikindi kizamini!“ ubu ni ubutumwa bugufi nakiriye bw'umunyeshuri wo muri kaminuza wari waravuye mu gihugu cy' aje kwiga mu mahanga. Yakomeje agira ati: „ibi bizamini birankomereye cyane kuko igihembwe gishya kigiye gutangira, sinabonye umwanya uhagije wo kwitegura. Mu by'ukuri ndumva meze nk'umwana waburanye n'iwabo, kure cyane y'ababyeyi banjye. Ndi njyenyine kandi mfite ubwoba kuko ibi bizamini nintabitsinda, bizangora gushobora kongerasha icyangombwa cyanjye cyo kuba mu mahanga!“ Numvise uburyo uyu mujene yari aremerewe. Nta kindi nakoze ahubwo narazindutse mu gitondo muvugira isengesho. Nyuma yaho namwandikiye ubutumwa burebure ni uko nongeraho ifoto y'ururabyo rwiza rwari rumaze kuraba ako akanya. „Ngushimiye ko iteka untega amatwi ndetse ukansubizamo imbaraga. Nishimiye cyane ko nshobora kugusangira byose“. Ubu butumwa ni bwo yansubije nyuma yaho. – **Sangiza abandi ibikuremereye!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker